**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Nyanza, ku wa 18/04/2019
N° 1200/07.02

**INTARA Y'AMAJYEPFO**
**BP 41 NYANZA**
**TEL 252533385 FAX 252 533380**
**E-mail: south@southernprovince.gov.rw**

Bwana Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi
**NYAMAGABE**

**Impamvu:** Ibyemezo by'Inama isanzwe y'Inama Njyanama

Bwana Perezida,

Ibyemezo by'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye ku wa 29.03.2019 byatugezeho biherekejwe n'ibaruwa No 61/07.02/08DC yo ku wa 01.04.2019; Turabashimira ibyemezo byafatiwe muri iyo nama, tukaba tunabasaba ko bishyirwa mu bikorwa.

Gusa ku cyemezo cya 14 cyo gukora urugendo shuri mu Turere twa Gakenke na Rubavu muzabanze murebe neza niba nta Turere two mu Ntara y'Amajyepfo dufite ibyo mushaka kuzajya kureba mu Turere mwavuze mu rwego rwo gukoresha neza umutungo. Mwasanga nta Karere mwakwigiraho mukabona gukoresha ubundi buryo bwo kujya ahandi.

Tubashimiye uko mubyakiriye.

**CG Emmanuel K. GASANA**
**Guverineri w'Intara y'Amajyepfo**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Madamu Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi
  **INTARA Y'AMAJYEPFO**

ᴶBULIKA Y'U RWANDA

6

Kamonyi, ku wa 01 Mata 2019
N°....61................./07.02/08DC

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
B.P. 03 MUHANGA
E-mail: kamonyi@kamonyi.gov.rw

SOUTHERN PROVINCE
RECEPTION
DATE: 04 / 04 / 2019
SIGNATURE:........

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyepfo
**NYANZA**

**Impamvu** :Kohereza ibyemezo by'Inama Njyanama yo kuwa 29.03.2019

Bwana Guverineri,

Nishimiye kubohererereza ku mugereka w'iyi baruwa ibyemezo by''Inama isanzwe y'inama Njyanama y'Akarere ka Kamonyi yateranye kuwa 29 Werurwe 2019

Mbifurije kubyakira neza.

01/04/19

NAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

**NYONI E. Lambert**
Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI**

**Bimenyeshejwe** :

Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **MINALOC**
**KIGALI**
Madamu Umuyobozi w'Akarere
**KAMONYI**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA KAMONYI
B.P. 03 MUHANGA
E-mail: kamonyi@kamonyi.gov.rw

**IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KUWA 29 Werurwe 2019 No 21 /2019 DC**

None ku wa gatanu tariki ya 29 Werurwe 2019, mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kamonyi guhera saa tatu zuzuye (9h00), habereye inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka kamonyi iyobowe na Perezida wayo Bwana NYONI E.Lambert. Mu gutangiza iyi nama Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere yashimiye abitabiriye inama.

Yibukije kandi ingingo ziri buganirwego arizo:

**1.Kwemeza inyandikomvugo y'inama iheruka yo kuwa 16Gashyantare 2019**

**2.Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama Njyanama**

**3. Kurebera hamwe raporo ya Komite Ngenzuzi igihembwe cya 3 cya 2018-2019**

**4.Kwemeza ibihano (amande)kubafatanwa inzoga z'inkorano**

**5.Kuvugurura Komisiyo zihoraho zigize Inama Njyanama no gushyira abajyanama bashya mu makomisiyo**

**6.Ibindi:**-Kwibukiranya inshingano z'inama Njyanama

- Urugendo-shuri two gusura udukiriro twa Gakenke na Rubavu

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI

IBYEMEZO BYAFASHWE NYUMA YO KUGANIRA KU NGINGO ZIRI KUMURONGO W'IBYIGWA

| N0 | INGINGO ZAGANIRIWEHO | ICYEMEZO CYAFASHWE | UBURYO ICYEMEZO CYAFASHWE | UZASHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CYAFASHWE | IGIHE ICYEMEZO KIZASHYIRIRWA MU BIKORWA |
|---|---|---|---|---|---|
| I. | **I.Kwemeza inyandikomvugo y'inama iheruka yo kuwa 16.02.2019** | **Abajyanama bemeje:**<br><br>1.Inyandikomvugo y'inama idasanzwe y'inama njyanama yo kuwa 16 Gashyantare 2019 | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Werurwe 2019 |
| II | **II. Kurebera hamwe raporo z'amakomisiyo agize inama Njyanama.** | Abajyanama bamaze kugezwaho raporo z'amakomisiyo ahoraho agize inama njyanama bafashe ibyemezo bikurikira:<br><br>**Abajyanama bemeje:**<br><br>2.Ko komisiyo y'imibereho myiza yaziga ku buryo bwimbitse urutonde rw'abasabirwa gusonerwa inguzanyo zatanzwe muri gahunda ya VUP(financial service ) imishinga yabo yahombye bikazagarukwaho mu nama njyanama y'ubutaha.<br><br>3.ko ubwiherero bwubakwa mu Murenge wa | Ibi byemezo byavuye muri Raporo z'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama. | Komite Nyobozi y'Akarere | Mata 2019 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Kayumbu hakorwa ubuvugizi hakubakwa (toilette à la Turque aho kubaka (toilette à siège).<br><br>4.Ko komite nyobozi yakurikirana ikibazo cya VTC Kigese,Akarere kagakora handover na WDA kugira ngo hanozwe imicungire y'iki kigo ku buryo 2020 kizafungurwa kigakora..<br><br>5.Ko komite Nyobozi yashyiraho uburyo bwo gufata amazi aturuka ku nzu z'ubakirwa abacitse ku icumu rya genocide yakorewe abatutsi 1994 batishoboye Umurenge wa Kayumbu, kugira ngo adasenyera abaturage.<br><br>6.Ko komisiyo y'ubukungu yaziga byimbitse ku kibazo cy'abaturage batuye mu gishanga cya Bishenyi kugira ngo kizakemurwe hakurikijwe amategeko abahatuye bimuke.<br><br>7.Ko komite Nyobozi yaganiriza umuryango wa KAMANA Claver na KARIGIRWA Venantie bakumvikana ku ngurane bazahabwa n'Akarere k'ubutaka bwabo Akarere kashyizeho ibikorwa remezo.<br><br>8.Urutonde rw'imihanda yo mu cyiciro cya kabiri igizwe n'imihanda 90 ifite uburebure bwa km 573,769 | | | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| III. | **3. Kurebera hamwe raporo ya Komite Ngenzuzi igihembwe cya 3 cya 2018-2019** | 9.Abajyanama bemeje ko komite nyobozi ikurikirana abakozi bo ku bitaro bya Remera-Rukoma batinze kwishyura imisoro ya RRA bigatuma ibitaro bicibwa amande angana n'a amafaranga 6,268,341 aya mafaranga akagaruzwa.<br>10.ko Komite Nyobozi yandikira ibitaro bya Remera- Rukoma basabwa ibisobanuro ku makosa agaragara mu micungire y'imari n'abakozi.<br>11.Ko komite Nyobozi itegura amahugurwa y'abacunga ubibiko( stock) y'amata na FBF | Ibi byemezo byafashwe mu bwisanzure bw'abajyanama | Komite Nyobozi | Mata 2019 |
| IV | **4. Kwemeza ibihano (amande)kubafatanwa inzoga z'inkorano** | 12. Abajyanama bemeje amande yabenga n'abacuruza inzoga z'inkorano angana n'ibihumbi 500,000 byaba ubusubira cyaha agacibwa amande angana na miliyoni imwe (1,000,000frw) kandi ubifatanywe bikamenwa aho babicururiza hagafungwa kandi abaturage bagakomeza gusobanurirwa ububi bw'inzoga. | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Komite Nyobozi y'Akarere | Mata 2019 |
| V | **5.Kuvugurura Komisiyo zihoraho zigize Inama Njyanama no gushyira abajyanama bashya** | 13.Abajyanama bemeje abagize komisiyo zihoraho z'inama njyanama na komite ngenzuzi. | Iki cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Inama njyanama | Werurwe2019 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | **mu makomisiyo** | | | | |
| **VI** | **6.Ibindi(Kwibukiranya inshingano z'Inama Njyanama** | 14.Abajyanama bemeje ko bazakorera urugendo shuri mu Karere ka Gakenke no mu Karere ka Rubavu hakarebwa agakiriro n'uburyo basubiza mu buzima busanzwe abava iwawa. | Ibi cyemezo cyafashwe mu bwisanzure bw'Abajyanama | Abajyanama | Gicurasi 2019 |
| | **INGINGO ZAGANIRIWE NI :6** | **IBYEMEZO BYAFASHWE BYOSE NI:14** | | | |

Inama yasoje Imirimo yayo isaa saba n'iminota mirongo itatu(13h00); Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abajyanama ku bitekerezo byiza batanze.

**MUKANYANDWI Rose**
**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

01/04/19
**NYONI E.Lambert**
**Umuyobozi w'Inama Njyanama**

URUTONDE RW'ABAJYANAMA BEMEJWE KUWA 29.03.2019

| | AMAZINA Y'ABAJYANAMA | ICYICIRO AHAGARARIYE |
|---|---|---|
| | **KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU** | |
| 1 | KARASIRA Ernest | Umujyanama rusange |
| 2 | BUTARE Leonard | Umujyanama rusange |
| 3 | NIYONSHIMA Josiane | CNJ |
| 4 | UWANTEGE Agnes | 30% |
| 5 | MUNYANKUMBURWA Jean Marie | PSF |
| 6 | TUYIZERE Thadee | Umujyanama rusange |
| 7 | UTAMULIZA Christine | 30% |
| 8 | NYONI Lambert | Umujyanama rusange |
| 9 | NIYONGIRA Uzziel | Umujyanama rusange |
| | **KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA** | |
| 1 | MUKAYIRANGA Rose | Umujyanama rusange |
| 2 | MUKANOHELI Madeleine | 30% |
| 3 | NIMURAGIRE Marcelline | CNF 30% |
| 4 | UMUTONI Elyse | CNJ |
| 5 | ZINARIZIMA Diogene | Umujyanama rusange |
| 6 | KAYITESI Alice | Umujyanama rusange |
| 7 | MUKAKALISA Anatholie | Umujyanama rusange |
| 8 | UMUTESI Marie Grace | 30% |
| | **KOMISIYO Y'IMIBEREHO MYIZA** | |
| 1 | HATEGEKIMANA Deogratias | Umujyanama rusange |
| 2 | MUKANYANDWI Rose | Umujyanama rusange |
| 3 | DUSHIMIRIMANA Theoneste | NCDP |
| 4 | RUGWIRO Gahamanyi David | CNJ |
| 5 | AKIMANA Latifah | 30% |
| 6 | BAZUBAGIRA Oliva | 30% |
| 7 | UWAMAHORO Prisca | Umujyanama rusange |
| 8 | HARERIMANA Prosper | Umujyanama rusange |
| 9 | MUKANTABANA Francoise | 30% |

| | **KOMITE NGENZUZI Y'INAMA NJYANAMA** | |
|---|---|---|
| | | |
| 1 | MUKAKALISA Anatholie | Presidente |
| 2 | NIMURAGIRE Marcelline | Secretary |
| 3 | AKIMANA J.Latifah | Member |
| 4 | NIYONGIRA Uzziel | Member |
| 5 | BUTARE Leonard | Member |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI